C045 K0206598

1

| | | |
|---|---|---|
| *IDENTIFICATION* | : | *RTLM 0045 du 05/06/94* |
| *DURÉE* | : | *90 minutes* |
| *QUALITÉ* | : | *Assez bonne* |
| *TRANSMISSION* | : | *Radio RTLM* |
| *NOM DU FICHIER* | : | *RTLM 0045* |
| *DATE DE TRANSCRIPTION* | : | *Le 28.02.2000* |
| *NOM DU TRANSCRIPTEUR* | : | *MUSHONGANONO Béatrice* |
| *DICTAPHONE* | : | *BO-760/49 MODELE: 2750-6 SERIE: 516565* |

**FACE A:**

*ORATEUR: Kantano de la RTLM:*

... Inkotanyi ziti " rwose umuntu witwa Kantano wanga Abatutsi, wanga Inkotanyi ee... wa radiyo RTLM aa... twe turamushaka rwose tumuganirize tumubohoze tumucengezemo amatwara ya Gikotanyi maze ubundi agende uko... agende rwose ahindure ibitekerezo nuko rero ubwo... buri Nkotanyi yose yashakaga kunkoraho ikareba uwa Umuhutu ngo wanga abatutsi, ndakeka ko atari ko zabibonye hein! Ntabwo ariko zabibonye, Abatutsi se mbanga dupfa iki? Inkotanyi zo nzanga dupfa iki ko twapfaga, ko twapfaga ari ukuturasaho, ari ukudukura mu byacu tukangara za Nyacyonga ngicyo ikintu... napfaga n'Inkotanyi igihe noneho zaretse ubwo bugome zigashyira imbunda hasi zikumva yuko tugomba kumvikana urumva ko nta kibazo (inaudible) aa.. Imibare y'Inkotanyi ni pole pole, aa... Icyo nabonye, icyo nabonye cya mbere ni uko kubera ko abenshi mu Nkotanyi muri abo basore sore hagati y'imyaka cumi n'itandatu na makumyabiri, abenshi ntabwo bazi uyu mujyi wa Kigali. Hein! Ni ukuwurebera hakurya stade bati "kiriya ni igiki"? Tuti iriya ni stade ee... iriya stade y'i... y'i Remera ntabwo iri henshi mu... mu... mu...muri Tanzaniya cyangwa se muri Zayire, nuko! Ntabwo rero bazi umujyi ariko buri gakipe kagiye kayoborwa n'abana bamwe b'i Gikondo, abavuye i Nyamirambo, abavuye Kacyiru mbese abazi umujyi iyo nayo ni *stratégie*.

Nuko rero... abasore sore tumaze kumvikana, tumaze kumvikana ku bintu byinshi mbabwiye ibyo batari bazi ee... bamaze kwikuramo na bikeya mu byo yenda bashobora kuba bari barababeshye, nuko noneho... gusa rero ntibapfa kuva ku izima urumva nk'umwana wabwiwe ibitekerezo by'Inkotanyi kuva agifite imy... ari kadogo w'imyaka cumi n'itatu, ee... iyo agize cumi n'umunani nta handi ajya nta wundi bahura urumva (inaudible). Ubwo rero ni bwo nabonanaga... na Docteur RUTAREMARA Tito, Docteur ru... RUTAREMARA Tito twabanye kenshi i Kinihira ee... na Arusha, uwo mugabo rero *Docteur en amenagement du territoire*ih! Ni Runyinya wacu ubwo rero uwo mugabo akaba yarabaye depite wa FPR ubundi yari umuhuzabikorwa wa FPR hano... mu bihugu bya politike n'ibya gisirikare, ni Umututsi rero muremure rwose muri ba Batutsi bita "*prototype*" w'i Murambi uvuga (inaudible) ee... ubu rero nyine tuba turaganiriye (arasetse) tubiziranyeho kuko (arasetse) nuko...

ubwo rero... se ngo yitwaga GATETE akaba yari atuye i Murambi, GATETE wari Burugumesitire wa Komine Murambi rero akaba ari we bamwitiriye Docteur RUTAREMARA, nuko noneho... tuvugana yuko noneho ati "hinga njye kugusengerera nkwereke iwacu uko bimeze hano muri karitiye yacu uko twifashe" nibwo yanjyanaga rero... mu ihoteli yabo, ihoteli yabo iba irimo Inkotanyi n'Inkotanyikazi, ariko n'abo baturage benshi b'i Nyamirambo ibyitso abagore n'abagabo, abana iki mbese ni uruvunganzoka ni urujya n'uruza, abanywa ariko cyane cyane abenshi baba banywa amata uu... bannywa amata amapaki menshi nta wemera gutaha ari kuyakumbura... litiro ebyiri cyangwa eshatu z'amata ya Nyabisindu Rubirizi iki! Abanywa amata umenya batakiyabona muri leteri; hari uwanyandikiye ambwira ati "Kantano tabara hano muri leteri amata yose barayajyanye Inkotanyi" hein! Narabyiboneye na njye koko nasanze bafite stock nini y'amata, ubwo rero... baranywa amata hanyuma... Tito RUTAREMARA we turicarana azana n'abadepite ba FPR.

Uwitwa Majoro KABUYE Roza ee...! ariko rero akaba ubundi yitwa KANYANGE Roza umugabo we rero akaba yitwa KABUYE, uwo... uh! Ni Umututsikazi w'inyinya rero ati nyayasi Kantano kuki mwambeshyeye ngo nishe abantu benshi i Kabuye? Uh? Murambeshyera! Noneho ageze aho ati "baranamaze kuko bari abasirikare" noneho mubwira ko n'abasirikare atari ngombwa ko bapfa ntibaremewe gupfa baremewe kubungabunga umutekano ari abasirikare b'Inkotanyi ari n'abasirikare b'u Rwanda ntabwo baremewe gupfa baremewe kubaho, ubwo rero Majoro KABUYE Roza hanyuma... Depite NKABUWAKABIRI Antoine nawe naramubonye, SOMAYIRE Antoine nawe yari iruhande rwanjye, Hodari nawe twari kumwe, aa... Koloneli RIZINDE nawe yari yakubisemo ingofero agenda yirukanka ee... abonye umudali wa Jenerari ati "ha..." ati "Kantano uwo mudali ufite" uh! Hanyuma... mbonana na Depite Shehe HARERIMANA Ab... A... bdulukarimu, Abdulukarimu rero we twabonaniye hanze ntiyari mu kabari ariko arambwira ati "Kantano warambeshyeye kubera ko waravuze ngo ibiki n'ibiki ngo ndi umunyamahanga sindi umunyamahanga, waravuze ngo nteranya ba Shehe ATESI! Eh! Noneho mubajije ku byo yabwiye rero ko ibyo wabwiye rero abayisilamu b'i Nyamirambo, arambwira ati "jyewe nta bwo abayisilamu b'i Nyamirambo nababwiye, nta bwo nababwiye ngo... ngo bareke ibya politike", ati "ahubwo", ati... "narababwiye ngo ba... bishyire hamwe, bishyire hamwe babe une force babe ingufu hanyuma noneho amashyaka ya politike ajye

abasha... aba... abasanga abakuremo abantu bakomeye". Ati "hanyuma jyewe rero barantoye ndi umuntu ukomeye ibyo bikanyereka yuko urebye uko Inkotanyi zapanze abadepite, zagiye zikurikiza uturere.

Bon! Uturere rero bavuga za zone, abavuye Tanzaniya ubu ngubu akaba ari nk'umudepite woherejwe n'impunzi zo muri Tanzaniya cyangwa Inkotanyi zaho, undi wa Uganda akaba ari uwoherejwe n'Inkotanyi za Uganda, undi muri Zayire akaba ari uwoherejwe n'Inkotanyi zo muri Zayire.

Hanyuma ku byerekeye rero uyu Shehe HARERIMANA Abdurukarimu we bamushyiriyemo kugira ngo abegeranyirize abayisilamu bose, abegeranyirize abayisilamu bose sinzi ko azashobora kubahindura Inkotanyi bose ariko rero ni cyo bamushyiriyemo ati "abarundire muri PDI", PDI ibe, yegere Inkotanyi hanyuma noneho ubundi tubakuremo abantu ubwo rero bahise, yahise andatira yuko ngo bafite abamajoro bane b'abayisilamu, ati "ibyo bintu ntibyari byigeze bibaho noneho urumva ko FPR vraiment eh... ikunda abayisilamu cyane ee... niyo mpamvu rero nabwiye abayisilamu bose b'i Nyamirambo ngo bibumbire hamwe muri PDI hanyuma noneho tube ingufu noneho dutize FPR. Ibyo ni ibyo mwongereyeho atambwiye ariko niko bivuga ngo "dutize FPR umurindi noneho natwe tuyishakemo abantu. Nguko rero ibyo... ibya Shehe HARERIMANA Abdulukarimu mwene... MUKONGORO aze... huum! Oya na d... Depite NDORIMANA Piyeri, (arasetse) Depite NDORIMANA Piyeri haa...! ubwo rero ngo... ngo ni *Maître, Maître* NDORIMANA Piyeri rero hee... umugabo muto muto w'igikara uvuga ati... "bite?, turagira gute"? iki byose ariko ukabona... bafite ikibazo mu by'ukuri... Nabo bakeneye kurahira, he bakeneye kurahira n'ubwo ubona... bakomeye kuri, kuri PL, PL yabatiza ingufu ariko rero urabona ko baje bisha... bashaka ubudepite nabo barabushaka, barashaka kujya mu mirimo ngo bahembwe bacengeze ibitekerezo ee... cyane cyane ariko ibitekerezo babafite uko babibona ibintu n'uko babona u Rwanda baruhindura, ubwo rero nyine... ni icyo ngicyo kibahangayikishije ariko mu by'ukuri muri ibyo biganiro byose icyo igitekerezo twagiranye n'abo badepite ni uko bose bavuga bati "ee... rwose twebwe n'icyatuzanye ni ukuba abadepite (...).

Ni uko! Ubwo... hagati aho rero mu kanya ndaza kubabwi... uu... ndaza kubumvisha ikiganiro twade... twagiranye na Depite RUTAREMARA Tito (arasetse) urebye ni we mukuru w'abadepite, noneho ee... (...) Yivugiye nyine (inaudible) yewe sha ... ba... muraza kubyumva ariko ibyo nta cyo mbese hari n'ibindi yivugiye nk'uko ashaka, buriya agaketse yuko ngo ibyo bitekerezo yavuze ngo bitahita kuri RTLM ha! Ndajya kumuhinyuza mwereke ko ibitekerezo by'umuntu ni iby'Inkotanyi bishobora kuhahita (arasetse) none se! Ni Abanyarwanda byibuze nabyo tukabimenya, ibitekerezo byabo nabyo tukabimenya. None se tutabimenye amaherezo hein! Ba... nta bwo twanabamenya! Ni uko ndaza kubumvisha rero Docteur Tito RUTAREMARA ikiganiro twagiranye mubaza ku bibazo biriho, muraza kumva yivugira gusa uu... HABYARIMANA yabahaye intoryi mbese byabindi byose biba biri mu binyamateka.

Hanyuma rero ubwo... nabonanye... na... Ministre BIZIMUNGU Pasteur, a... mbwira ati "RTLM" warakoze kumpa *condoléance*" ati "rwose warakoze RTLM " ati "kandi umenya ari wowe wabivuze Kantano? Nibyo rwose, ibyo ari byo n'ubwo waba Inkotanyi n'ubwo waba iki umubyeyi ni umubyeyi kandi umuntu ni umuntu. Nta kuntu umuntu w'Umunyarwanda yagira ibyago ngo umuntu ye kumva afite umutima wo kumubwira ati "condoléance".

Haaa... nabonanye rero na Ministre... SENDASHONGA Seti, SENDASHONGA Seti ati "koko wabivuze ukuri nataye amafaranga, ati "koko nataye amafaranga kabisa"! Nibyo rero koko... heee mu kwezi we n'umugore we bahembwaga miliyoni hari yaranze arayita amaze kuba Ministre w'Inkotanyi, nagerageze. Nabonye rero abyishimiye cyane agenda mugi ni umugabo w'igisore eh, agenda nyine gisore cyane n'amafiyeri menshi abyishimiye cyane. Haaa... ubwo rero Docteur BIZIMUNGU Pasteur yarimo aganira yari arimo aganira na eheee, yari arimo aganira rero na Maître NGANGO, Maître NGANGO ubwo Maître NGANGO nibwo yambazaga ngo ariko KANTANO ngo kuki iyo naganiriye n'Inkotanyi ngo bihita kuri RTLM ngo uba ushaka kuvuga iki? Ndavuga nti none se Maître NGANGO ni uko nyine ariko tuba twabibonye, ngo ubabara he se? Nti ntaho mbabara mu by'ukuri eh, irwarize hanyuma noneho... bon, ati "sawa nuko rero ubwo turumvikanye ati Inkotanyi ntacyo nuko bakomeza biganirira nazo". Bi... BIZIMUNGU Pasteur ariko iyo BIZIMUNGU Pasteur

atari hamwe na MAZIMPAKA Patrick ubona afashwe n'ibintu n'iki, ehe... iyo ahubwo umwe baza kumugira "Directeur wa Cabinet" w'undi kuko ni abantu bakundana kuva kera Arusha hehe, usanga BIZIMUNGU avuga "where is Patrick, where is Patrick"? Buri kanya buri kanya n'ubwo yarimo aganira na NGANGO ariko aterura agakombe k'inzoga itabamo umusemburo, ashakashaka ahantu MAZIMPAKA yaba ari eh, rwose wagira ngo ni abafiyanse. Hanyuma rero... hu ubwo ya... n'undi twabonanye ni nde? Aha! Ubwo ibiganiro nyine byari byinshi (inaudible) nako nyuranamo nyuranamo n'ibyitso abo bitaga ibyitso, cyane cyane abafunzwe mu byitso baragenda bakavuga bati "umva rero twarafunzwe tubashyigikira nyabuneka eh, hari umukobwa wanjye ushaka imirimo muri za MINITRANSCO hari ushaka hehe ibintu eh, abana banjye barangije nimubashakire imirimo eh, ndakeka ko ari byo baba bavugana nta bindi. Eh, barashaka rero imirimo abandi bati "narafunzwe nta akazi kanjye none ndahebye mundebere muri za MIJEUMA, uh... abandi rero na... ni "familles ziba zaje gusura izindi familles", nabajije RUTAREMARA nti ariko kuki musurwa n'Abatutsi gusa ra? Eh, nti ubu birumvikana ko n'Abahutu basura abandi Bahutu ariko Abatutsi basura abandi Batutsi, nicyo gituma namubwiraga nti aha... nti umenya muzagira "FPR Power" amaherezo.

Ubwo rero huuum byari ibiganiro. Nuko ubwo turangije rero uuu Tito RUTAREMARA aramperekeza, hanyuma... andenza umuryango Inkotanyi ziti "wapi" eh... ubwo ariko zari zanyeretse na "Animation", aha... zinyereka n'uko n'akarasisi ziti ngwino ufate indirimbo yacu huuu... ndayifata, akarasisi rero bakora ni uko nyine ari ak'abasore naho ubundi abasaza ntibagashobora, pa papapapa pa! Aha... ariko nyine ubona bon, birimo birimo gukangata. Nuko hanyuma ubwo rero... nibwo bamperekezaga, saa ine mfata imodoka y'ikitso cyari cyaje kubasura nako ni Inkotanyi, tugenda tuganira bambwira yuko nshobora kuba Inkotanyi nziza ni uko hanyuma uuu... mbabwira nti tuzabivugana. Ubwo turagiye na "Chez Lando" aho nasanze harangiye umunsi mukuru wari uyobowe na Depite KABAGENI, Abadepite rero ba... bo ku ruhande rwa Lando bari bakoze umunsi mukuru babyinnye ngo kuko imihango yo kurahira itashobotse, maze ugasanga abantu basetsa cyane basetsa cyane... Nibyo navuze yuko iyo bamwe barira abandi baba baririmba, iyo abandi baririmba abandi baba barira, maze rero politike irangwa n'ishyari... irangwa no ku... no kubeshya beshya cyakora bo ndabyumva barahatana, barahatana bati "nyabuneka Batutsi bene wacu mudutabare", aha... ku rundi

ruhande abandi bati "nyabuna Bahutu bene wacu mudutabare aho ndakeka yuko kubera gushaka ubumwe hari, bazapasuramo kabiri bazapasuramo kabiri ndakeka yenda yuko ari cyo cyatuma abantu bamwe bumva... bumva ko ubumwe ari ngombwa mu ishyaka, nabwo nibizaba bi... bizaba binyuranyije n'amategeko ariko amaherezo... kubera yuko hagomba ubwumvikane umenya ariko bizagenda, ubwo rero nasanze bamaze kwinywera akayoga bahaze babyinnye bati... "ntibarahiye na twe ntitwarahiye Yesu ashimwe, muri iki gihe ubu taraba duhu... tu... dusizana tubwire Inkotanyi zirebe ko zadutabara zidushyigikire, hanyuma turebe ko hari icyarokoka ubwo rero... nguko uko po... politike yo kuzurungutana aho bigeze. Maze rero... mwumve Inkotanyi... RUTAREMARA Tito, Docteur RUTAREMARA Tito mwene GATETE w'i Murambi hafi y'i Kiziguro muri Perefegitura ya Byumba, uh Komine Murambi ni Komine ikomerewe cyane irimo Inkotanyi ebyiri zikomeye, Docteur RUTAREMARA Tito, KANYARENGWE, aa... yaragenderewe ni ugukomera cyane! Hanyuma... mwumve rero Docteur Ru eh, Tito RUTAREMARA Depite wa PL, ibisubizo ampa ku bibazo... ku bibazo namubajije murumva nyine bimwe na bimwe ni ibintu byo kubeshya beshya ariko ku muntu waganiriye n'Umututsi akaba amuzi, eh muraza kumva neza icyo bishaka kuvuga. (Inaudible) nibarize Tito RUTAREMARA uh... murabona ibibazo ubu ngubu mwanze kuza kurahira ngo kuko hari ikibazo muri PL. Ubundi... abantu barakeka ko ari ukwivanga kwa FPR muri PL.

<u>*ORATEUR: Député Tito RUTAREMARA*</u>:

Nta... ntabwo twe FPR yivanga muri PL ahubwo PL byageze igihe haboneka imyanya, abantu bashaka kuyirwanira bamwe bo muri PL babona... aho byeze cyane mbese... abakuru... nka HABYARIMANA ababwira ati "nyamuneka ubanza uje tukegerana aribwo twakweza byinshi", bashaka kujyayo abandi na bo baguma mu kindi gihande. Urumva rero gusa... ntabwo ari FPR ahubwo ni uko byageze mu gihe cy'imyanya na... ni n'andi mapariti ari mu Rwanda yose niko abaye, bageze igihe cy'imyanya barayirwanira bamera nk'imbwa zirwanira mu mayezi, ni nicyo icyo ngicyo na PL ni icyo cyokora yararebye ikagira MUGENZI we icyabera mu aa... n'abantu batamwifuriza neza nuko HABYARIMANA yifuzaga kubona "*minorité de blocage*"; noneho ngira ngo hari ibyo yamwemereye ntabwo tubizi ntitwari duhari, ariko muhora mubivuga mwebwe ku maradiyo yanyu

Muvuga ngo ngo tubaha... harya ba mubyita intoryi? Ubanza zigomba kuba ari intoryi nyinshi ubanza ariko, ariko ntabwo jye nzizi ariko uroye ukuntu HABYARIMANA yabivugaga ngo ntabwo ashobora kuba, Ministre mu gitondo akavuga ati «yemeye kuba Ministre uwo munsi» MUGENZI bamwe tuka (inaudible) avuga yuko ari... ye... a ari umutegetsi w'igitugu ko azamukuraho azamuha imiti myinshi n'iki, bwacya mu gitondo agaceceka uh? Kandi rero bakeka yuko ngo yari afite *problème* mu ntuza mu mafaranga ye, urumva yenda ko ahari bishoboka ko hari icyo yaba yaramuhaye. Ariko icyo tuzi ni uko ubu ngubu bakorana cyane, kandi HABYARIMANA akeneye *minorité de blocage*, MUGENZI rero agomba kuba yaramwemereye kugira ngo ayimuhe.

*ORATEUR: Kantano*

Hanyuma se nicyo gihano yabo... yabonye ni uko Abadepite yatanze ariwe Perezida w'ishyaka mwabanga?

*ORATEUR: Député Tito RUTAREMARA*

Eee... a... Abadepite yatanze gusa ni uko mbese icyo tu tubangira si icyo ni uko batakurikije amategeko, ntabwo bakurikije amategeko ya PL ntibakurikiza n'amategeko y'igihugu nicyo cyatumye nka *Notaire* avuga ko atari byo na... na Perezida wa *Cour Constitutionnelle* nawe akavuga ko ata... atari byo batakurikije amategeko. Twebwe n'icyo cyararangiye imwe impamvu ni ibyo kuko batakurikije amategeko. Ariko iya kabiri, ni uko mu... iyo ni impamvu yerekeye ku mategeko ariko hari impamvu yerekeye kuri politike, ni uko tuzi yuko yabashyiriyeho rero kugira ngo baze bafashe HABYARIMANA kubona *minorité de blocage* kandi atariko amasezerano abivuga.

*ORATEUR: Kantano*:

Mwe se ko mushaka *minorité de blocage* kuki abandi batayishaka?

*ORATEUR: Député Tito RUTAREMARA*:

Ntabwo tuyishaka kandi ubonye aho tuyishaka nabwo wabitwereka tukagusobanurira, ntabwo twigeze dushaka *minorité de blocage* twebwe. Ariko ubibonye ukanyereka urugero uti «nguru», wabimbwira nabwo nkagusobanurira ushobora kuba wibeshye cyangwa barakubeshye.

wabimbwira nabwo nkagusobanurira ushobora kuba wibeshye cyangwa barakubeshye.

*ORATEUR: Kantano*:

Oya ni uko mutaragera mura... muri *Assemblée*.

*ORATEUR: Député Tito RUTAREMARA*

Muri *Assemblée*... uuu muri *Assemblée* twebwe tuzakoresha ibitekerezo, uzumva tunyujijemo ibitekerezo bizima akadukurikira ubwo tuzajyama hamwe, bon, uzu... initu... nitwumva n'abandi bafite ibitekerezo bizima tuzagenda tubafasha nta n'ubwo tuzirirwa dukurikira ngo uyu ni uw'iki gice n'uyu iki gice. Twebwe tuzagenda dukurikira ibitekerezo. Ariko rero niba wumva hari aho tushu aho twakoze kugira ngo tubone iyo *minorité de blocage* nabwo wabitubwira, tukabisobanurira Abanyarwanda kuko ubwo uzajya uhora ubivuga kuri radiyo yawe ngo dushaka *minorité de blocage*, nonaha ubu ngubu ubitubwire uti "ni aha n'aha", njye nkusobanurire niba hahari cyangwa se naba ari aho wibeshye mbigusobanurire.

*ORATEUR: Kantano*:

Niko se RUTAREMA ubu noneho ubwo tuganira gutya twi te tu twitonze, eh... MRND mupfa iki?

*ORATEUR: Député Tito RUTAREMARA*

Ee... MRND... MRND icyo dupfa, ***icya mbere*** ishingiye yari Parti imwe, i Parti imwe iteka ntijyana na demokarasi. ***Icya kabiri*** yari igizwe nu nu n'ubutegetsi bw'igitugu. Ubutegetsi bw'igitugu bwica demokarasi bukica ikiremwa muntu bukangiza ibintu byase ibintu byose. ***Icya gatatu*** yishe abantu. MRND yamaze abantu hirya no hino igenda ibahora bamwe ko ari Abatutsi, abandi... ko ari... Abanyanduga nabyo ni ikosa ribi. ***Icya kane***, yishe iki gihugu kuko yashyizemo politiki mbi itabona itafite umurongo mwiza wa politike ngo igire na n'uwa *économie* ngo ishyireho ibya ngombwa byose bi bizamura igihugu. Eee rero izo mpamvu zose nizo zituma njyewe nicyo gituma mpfa na MRND. Ariko bi ihinduye, ikemera... amashyaka menshi ikemera gushyira kwishyira ukizana kwa buri muntu yee... ikatega amatwi abandi tugafatanya tukagora... *plan* tugashyiraho igenamigambi zo kuzamura

*économie* y'igihugu cyacu jye nta kindi napfa nayo. Uretse ayo makosa yakoze ariko ye... yikosoye ntacyo dupfa twava indimwe nk'uko tuva inda imwe n'abandi.

*ORATEUR: Kantano*:

Ubu se murabona yarikosoye cyangwa ntirikosora?

*ORATEUR: Député Tito RUTAREMARA*:

Non, na n'ubu ntabwo irikosora iracyafite ariko niko bimera umuntu aa... abantu bari baramenyereye kurya bonyine cyane cyane ari n'ibisambo, kugira ngo umuvure uwo mwanya birakomeye eh, ni buhoro buhoro... ni... ni buhoro buhoro kugira ngo abe yaramenyereye kurya reba nk'aba nk'aba bategetsi b'i... b'u Rwanda ba mbere bo muri MRND, ni bo babaga bafite ubi ubukungu bw'u Rwanda mu ntoki, bakagira ubutegetsi mu ntoke zabo none rero ubu ngubu kugira ngo ubibakureho ngo bafatanye n'abandi biraruhije ndabyumva birabaruhije, ariko bagomba... kubyihanganira buhoro buhoro ba bakagenda bakira, ni indwara mbi iyo ndwara rero kugira ngo uyikire... ugenda umuha umuti buhoro buhoro akazayikira.

*ORATEUR: Kantano*:

Muravuga ngo MRND yarishe ha ni ba nde bishe kurusha Inkotanyi?

*ORATEUR: Député Tito RUTAREMARA*:

Ni MRND.

*ORATEUR: Kantano*:

Gute se ?

*ORATEUR: Député Tito RUTAREMARA*:

Oya... reka duhere kuba... abantu bene wanyu nka ba KAYIBANDA uzi ko bishwe na ba HABYARIMANA igihe bafataga (inaudible) bikubitiraho ba MAYUYA, yongeraho Abagogwe ira...

arabamara imara Abatutsi bo muri Bugesera, aba za Murambi irabica aba za Kibirira, Abahima bo mu Mutara yarabishe mbese n'abandi benshi ntiriwe mvuga kandi nawe urabazi, ubundi... utiriwe undushya urabi... wa... wabimvugira.

*ORATEUR: Kantano*

Urakoze!

Chanson...

Muri kumva Radiyo yigenga RTLM ivugira i Kigali, Radiyo "Cent six", "Radio Sympa" eh, haaa mwumvise rero Inkotanyi RUTAREMARA Tito Depite w'Inkotanyi... Docteur Tito RUTAREMARA, eh... agerageza gusubiza ibibazo bye mu ru ibibazo namubajije, abisubiza nyine mu buryo bwa Gikotanyi hanyuma... ubwo rero nizeye yuko yumvise ko n'ibi... n'Inkotanyi zishobora kuvugira kuri iyi Radiyo yacu, kuko ntawe dushaka kunigana ijambo n'Inkotanyi zishobora kuvugira kuri iyi Radiyo yacu, imiziki ya Kinyarwanda n'ubwo yahimbwa n'Inkotanyi igomba guhita ishobora guhita kuri radiyo tubonye ari umuziki mwiza ubyinika kabisa urimo inyigisho nziza, birumvikana yuko Radiyo rero yacu abakekaga ngo iteranya abantu ngo iryanisha amoko igira ite, ndakeka yuko muzatangara mukumirwa ahubwo mugasanga... mwaribeshye ari radiyo izunga amaherezo abantu, kandi... ni radiyo itagira mukushi ku mutima n'abayikoramo niko bameze. Ubu rero... uretse ko ubu ukuri gushirira mu biganiro ntabwo rero ari radiyo ishyushya imitwe nk'uko bamwe bavuga, ahubwo abayivuga abavuga ko ishyushya imitwe ni abayitaye bakabeshyera RTLM, ubwo rero... ikinyoma ntabwo gihabwa intebe kenshi. Hinga mbatumikire...! (Musique...)

(Silence...)

**Fin de la face A.**

**FACE B**

(Musique différentes...)

*ORATEUR: Kantano*:

(inaudible) n'ibiki byose babavugiraho andi magambo ngo yaba atesha abantu igihe ibintu nk'ibyo, ibisubizo urebye bitajyanye n'imihango yo kurahira ibitekerezo ... (musique...)

(Inaudible... 15.4) ntabwo byumvikana kuko (inaudible) guhemba abarimu kuko rwose bagira n'abarimu bangana n'umushahara (inaudible) ababyeyi baravuze bati " ese bana bacu rwose ko tubatangira amafaranga bamwe bakaba ba... (inaudible)
Abaturage ba Komine Kagugu bati " turashimira umugabo witwa (inaudible...)

Ariko birerekana biriya byo kutarahira birerekana igitugu abanyamashyaka bafite ku bantu. Bo baravuga bati "ah! Nimvamo nkajya kurahira nta kundi nyine barahita banca mu ishyaka ndaba mpfuye nyamara uwagenda akarahira eh! Bamwirukanisha se iki? Yaba icya mbere cyo abaye depite, ah... bazategereza nyuma y'imyaka ibiri kumuca mu ishyaka; ubwo se... hagati aho ibintu biba bitungana ariko rero birerekana igitugu abanyamashyaka bashyira ku barwanashyaka babo bariya bose bagiye bimika ngo ni abadepite eh? Ukabona umuntu arishakira kwirahirira ngo yitangirire imirimo ariko ugasanga, ugasanga... ntiba... ntibatuma arahira bakamureba ikijisho, bakamu... bakamumerera nabi bati "nugenda ni akazi kawe" ugasanga abantu barabirukankana barabahisha mu tubari hehe hose ngo ntibage kurahira ngo hatagira ubatoroka, bakabarinda nk'urinda i... ntama huum! Ni akaga ye! Ariko rero kuvuga ngo (inaudible) Inzibacyuho Inzibacyuho rwose izi ko buri muntu wese yagenda akirahirira hein! Umuntu yagenda akirahirira ndumva aho bigeze aha hanyuma noneho akibera depite nawe akirira ayo mafaranga y'Inzibacyuho akayabeshura ni hahandi ariko kubeshya na none abaturage ngo ukunda amahoro ngo urashaka yuko (inaudible) ngo urashaka iki mbese bakavuga bati "noneho ngwino, ukore uyu muhango wo gushyiraho inzego z'Inzibacyuho zijyeho ijyeho na none ubwo abaturage ibyo ari byo byose barakugaya (inaudible), abazongera kwiyamamaza mu minsi iri imbere

est-ce que muzabona amajwi? Hari aho numvise amasyaka yateye imvururu (inaudible) izina *vainqueur* mu gifaransa uko byanditse (inaudible) uretse ko n'abaturage batamenya n'uko babisoma ubwo nta... nta zina rindi? Ubwo rero... ndakeka yuko abantu ntibakabeshye abaturage babeshya ngo barashaka amahoro ngo dore abanga amahoro, abanga amahoro noneho ni abarahiye rero aa! Ariko abanya... politike muzabeshya mugeze he? Uranteye! Jye ndi umunyamakuru, jye ndi umunyamakuru nkavuga rero ibiriho ntibazandenganye. Hanyuma... ku byerekeye rero iby'Inkotanyi ukuntu zandaranye hariya... muri CND huum ndababwira ko nahavuye saa yine z'ijoro ariko mfashwe neza mfashwe neza, ubwo... ukuntu byagenze BIZIMUNGU Pasteur ya... fatanyije na vise perezida wa... w'umuryango, w'umuryango ee! Witwa FPR hanyuma rero MAZIMPAKA Patrick, MAZIMPAKA Patrick Umututsi ucishije make witonda yari ari kumwe na BIZIMUNGU Pasteur umugabo, umugabo rwose... eh! Pasteur iyo avuga ndakeka ko abatari bamuzi Arusha ejo baramubonye bagira ubwoba, uwo Ministre w'Ubutegetsi bw'igihugu uri imbere, ni ukumumenyera umuntu akamwimenyereza utamuzi akavuga aterura intebe asimbagurika kuko... utamuzi yagira ubwoba, abantu barambwiye ngo... ngo ni ugusimbagurika ariko umutima ngo ni mwiza ubwo tuzaba tubireba tumuteze amaso, yari yakoresheje rero ikiganiro Mbwirwabanyamakuru ashaka kwerekana asobanura impamvu FPR ngo itarahiye ubwo rero... noneho ehe! Ubundi nyine ibyo ari byo byose abanyamakuru turabimenyereye, umubaza ikibazo ntakigusubize, wamubaza akanyura ku ruhande, mu kanya ndaza kubamu... kumubumvisha ukuntu atombokana umunyamakuru, atombokana umunyamakuru hanyuma noneho... ariko hagati aho ubwo... *"conférence de presse"* irangiye murumva uko byagenze nibwo rero noneho kubera ko yari yabereye mu gice cyo hirya cy'Inkotanyi gusa kizitiye nta MINUAR irimo ni Inkotanyi zibereyemo gusa, magana atandatu zikikije aho ...

**Fin de la cassette.**